# TORA PL




**ISHYAKA RIHARANIRA UKWISHYIRA UKIZANA**

**KWA BURI MUNTU (P.L)**

**LIBERAL PART (P.L)**

**PARTI LIBERAL (P.L)**

**GAHUNDA YA POLITIKI YA PL 2024-2029**

## IRANGASHINGIRO

### INTANGIRIRO

Ishyaka riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri Muntu / PL, ryashinzwe ku itariki ya 14 Nyakanga 1991. Mu ishingwa ryayo, PL yarwanyije ubutegetsi bw'igitugu bwariho ari nabwo bwateguye kandi bukanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. PL yaharaniye ubutabera, uburenganzira n'amahirwe angana kuri buri munyarwanda ndetse benshi mu bayoboke baryo barabizira.

Nyuma y'aho Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 ihagarikiwe, PL n'indi mitwe ya Politiki itaragize uruhare muri Jenoside yashyize hamwe ifatanya kubaka Igihugu cyari cyarazahaye, bigira impinduka nziza zigaragara harimo kuzamura imibereho y'abanyarwanda mu byiciro byose by'ubuzima bw'Igihugu, haba mu buzima, uburezi budaheza kuri bose, imibereho myiza y'abaturage, uburenganzira bwa Muntu, uburenganzira bw'umugore n'umwana, ubukungu, ibikorwa remezo. Ibi byose byazamuye ikizere cyo kubaho ku munyarwanda aho cyikubye kabiri kikaba cyaravuye kuri 26.2 cyari kiriho mu 1994 kikaba kigeze ubu kuri 69,4 mu 2023. U Rwanda ubu ni Igihugu gihamye, gifite umutekano aho kiri mu bihugu bya mbere byifashishwa mu gucunga no kugarura amahoro kw'isi , binyuze mu muryango w'Abibumbye (UN ) cyangwa se mu bufatanye n'ibindi bihugu.

Mu matora yo muri Nyakanga 2024, PL irasaba abanyarwanda bageze igihe cyo gutora kuyihundagazaho amajwi, bashyigikira amahame shingiro yawo ariyo *Ukwishyira Ukizana, Ubutabera n'Amajyambere.* PL izayashingiraho mu myaka itanu (2024-2029) gukomeza kugira uruhare mu iterambere rirambye, himakazwa imiyoborere myiza yo shingiro rya byose, iterambere rishingiye ku muturage, kuzamura urwego rw'abikorera, kuzamura uruhare rw'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kongera umusaruro mu byiciro bitandukanye bigize ubuzima bw'Igihugu no kuzamura ubufatanye n'ibihugu bindi mu miryango mpuzamahanga n'iyo mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Mu kwihutisha iterambere no gusigasira ibyagezweho, PL izakomeza gushimangira no guharanira ko amahame-shingiro yayo yimakazwa kuko ariyo ayobora intekerezo yayo ndetse akaba ariyo agenga ibikorwa na gahunda byayo. Mu ncamake, ayo mahame-shingiro y'Ishyaka PL asobanuye ibi bikurikira:

- **Ukwishyira ukizana kwa buri muntu**

Ishyaka PL, ryemera ko ukwishyira ukizana kwa buri muntu ari ihame ndakuka kandi ari uburenganzira buri muntu avukana.

Ukwishyira ukizana ni ihame abanyarwanda bakomeyeho nk'uko babigaragaje ubwo batoraga Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Bityo PL ikaba iharanira ko buri munyarwanda agira :

- uburenganzira bwo guhitamo Umutwe wa politiki ajyamo cyangwa kutagira uwo ajyamo;
- ubwisanzure mu bitekerezo, mu mutimanama, mu guhitamo idini, mu gusenga cyangwa mu guhitamo ishyirahamwe ashaka;
- uburenganzira bwo guhitamo no gukora umurimo umunogeye kandi abantu bakora umurimo umwe bagomba guhembwa kimwe ku bantu bari ku rwego rumwe, nta vangura iryo ariryo ryose.
- imyumvire ya demokarasi abanyarwanda bahisemo mu kubaka Igihugu, bishingiye k'umuco w'ibiganiro bya politiki, bishimangirwa n'imikorere y'urwego rw'Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki ;
- uburenganzira bwo kwihitiramo abamuyobora no guharanira ko hakomeza gushimangirwa imikorere igamije kubazwa inshingano .

Ikindi ni uko buri munyarwanda afite uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo bye mu bwisanzure, mu buryo buteganyijwe n'amategeko.

### Ubutabera

Ishyaka PL, ryemera kandi rigashyigikira ubutabera buboneye kuri buri munyarwanda nk'uburenganzira bw'ibanze ntayegayezwa; ubutabera bukaba ari inkingi ikomeye mu guteza imbere imibereho myiza, kwishyira ukizana kwa buri muntu n'iterambere rirambye bikaba kandi ishingiro rya demokarasi mu gihugu kigendera ku mategeko. Ku bw'ibyo, PL izakomeza guharanira ko:

- ikoranabuhanga ryimakazwa kugira ngo hatangwe ubutabera buboneye kandi ku gihe gikwiye ;
- abanyarwanda bose babona ubutabera bureshya; abatishoboye bagafashwa kubona ababunganira;
- abanyarwanda bagira ubutabera bwunga binyujijwe mu buhuza, ubukemurampaka n'izindi nzira zo gucyemura ibibazo bitanyuze mu nkiko;
- abanyarwanda boroherezwa kurangirizwa imanza zaciwe ;

- ❖ amategeko arushaho gusobanurirwa abanyarwanda ndetse bakoroherezwa kubahiriza ibiyakubiyemo bibaha inshingano.

### Amajyambere

Ishyaka PL, risanga amajyambere Igihugu cyacu gishaka kandi kigomba kugeraho ari amajyambere arambye kandi akomoka ku ishoramari, ryaba iry'umuntu ku giti cye cyangwa iry'Igihugu.

Ku bw' ibyo, PL izakomeza guharanira ko:

- ❖ porogaramu politiki n'amategeko byose bikorwa bigaragaza akamaro k'igihe kirekire mbere y'uko bishyirwa mu bikorwa;
- ❖ urwego rw'ubugenzuzi bukuru bw'imari ya Leta bwongererwa ubushobozi bwo kugenzura imari n'umutungo bya Leta ndetse rugakora n'igenzura rigamije gukumira ibihombo bitaraba. Inteko Ishinga Amategeko izakomeza kugenzura mu buryo bucukumbuye ibikorwa bya guverinoma hagamijwe ko buri wese abazwa inshingano.

Hashingiwe kuri ibyo, Ishyaka PL, rishingiye ku mahame-shingiro yaryo, ryiyemeje kugeza ku Banyarwanda ibitekerezo bizashingirwaho kugira ngo icyerekezo ryiyemeje rizakigereho mu gihe cy'imyaka itanu (2024-2029). Ibyo bitekerezo byubakiye ku nkingi eshatu (3) arizo: Inkingi y'Imiyoborere, Inkingi y'Ubukungu n'Inkingi y'Imibereho myiza y'abaturage, hatibagiranye n'ingingo z'impurirane zigomba kwitabwiho.

# I. IMIYOBORERE

## 1.1. Imiyoborere myiza

Ishyaka PL, rizakomeza:

- gushimangira ko Umunyarwanda ariwe shingiro ry'imiyoborere y'Igihugu cyacu (Umuturge ku Isonga) ;
- gushyigikira inzira ya Demokarasi u Rwanda rwihitiyemo;
- gufatanya n'indi Mitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda mu gukomeza kubaka ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, cyane cyane binyuze muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda";
- guharanira ubwisanzure bw'Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, ubufatanye n'ubwuzuzanye byayo mu guteza Igihugu imbere;
- gushishikariza abanyapolitiki n'Abanyarwanda muri rusange gukomeza kubaka umuco w'ibiganiro biganisha ku bwumvikane (Culture of Dialogue and Consensus);
- gushimangira ko gahunda yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage ariyo ibereye imiyoborere iganisha ku iterambere rirambye ;
- gukora isesengura rya politiki, gahunda, amategeko, n'iry'imiyoborere y'inzego z'igihugu, hagamijwe gutanga ibitekerezo mu kwihutisha iterambere ry' Umunyarwanda;
- kugira uruhare mu gushyiraho Politiki zinyuranye no kuzishyira mu bikorwa;
- kugira uruhare mu kongerera inzego z'ubuyobozi zitorwa ubushobozi, cyane cyane inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage kandi zibazwe ibyo zikora;
- gushishikariza abaturage gukora, guteza imbere ingo zabo ndetse no kurangiza neza inshingano zabo;
- gushishikariza abaturage ko umuryango utekanye ariwo shingiro ry'iterambere rirambye ;
- gushyigikira ko ubufatanye bwa Leta, Abikorera n'Imiryango itari iya Leta bikomeza kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu cyacu.

## 1.2. Gutanga serivisi nziza

Ishyaka PL, rizakomeza:

- gushyigikira ko hubakwa ubushobozi bw'abakozi ba Leta no kunoza imicungire yabo;
- guharanira kubaka ubushobozi (Capacity building) mu bakozi n'inzego zitanga serivisi, cyane cyane ku rwego rw' Umurenge n'urw'Akagari kuko zegereye abaturage, zigahabwa ubushobozi buhagije kugira ngo zibe ishingiro rya serivisi inoze;

- gufatanya n’izindi nzego mu guteza imbere ikoreshwa ry’ikoranabuhanga mu miyoborere no mu itangwa rya serivisi;
- guharanira ko hakomeza kunozwa ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa ndetse n’akarengane;
- guharanira ko hashyirwaho ingamba zihamye zo kugabanya ihinduka rya hato na hato ry’abakozi b’abahanga mu nzego zimwe na zimwe *(Staff turnover) no* gushimangira imikoranire y’inzego zishinzwe abakozi;
- guharanira itangwa rya serivisi inoze kandi yihuse, no gushishikariza abaturage gahunda ya “nayombi ».

**1.3. Uburenganzira bwa muntu**

Ishyaka PL, rizakomeza:

- gushimangira ko Ukwishyira ukizana kwa muntu ari ishingiro ry’uburenganzira bwa muntu;
- gushimangira ko Uburenganzira bwa muntu ari bumwe ku bantu bose;
- guharanira ko buri muntu agira inshingano yo kurengera no guharanira ko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa nk’uko biteganywa n’amategeko;
- gufatanya n’izindi nzego mu kwimakaza ko uburenganiza bwa muntu bukomeza kubahirizwa.

**1.4. Ubutabera**

Ishyaka PL:

- ryemera kandi rishyigikiye ko ubutabera ari ishingiro ry’iterambere n’amahoro;
- rishyigikira ko ubutabera bwunga ari ishingiro ry’iterambere;
- rizakomeza guharanira ko amakimbirane mu miryango arandurwa burundu;
- rishyigikira inzira y’ubukemurampaka n’ubuhuza mu kugera ku butabera bwunga;
- rizifatanya n’izindi nzego gushyiraho ingamba zatuma irangiza ry’imanza rikorwa vuba;
- rizakomeza guharanira ko gutanga ubutabera ku baturage bitagomba kuba umutwaro kuri Leta;
- rizakomeza guharanira ikoreshwa ry’ikoranabuhanga kugira ngo hatangwe ubutabera buboneye;
- rizakomeza guharanira ubutabera bwihuse kandi bunoze mu nzego zose z’ubucamanza;
- rizakomeza guharanira ko harushaho kunozwa uburyo bw’igihano nsimbura gifungo ku byaha bisanzwe, bityo bigafasha kugabanya ubucucike mu magororero kandi abagororwa bagakora imirimo iteza Igihugu imbere;

- rizaharanira ko abakoze icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakomeza gukurikiranwa, cyane cyane abakidegembya mu mahanga;
- uzaharanira ko ibiteganyijwe mu mategeko arebana n'irangiza ry'imanza za Gacaca ashyirwa mu bikorwa uko bikwiye.

### 1.5. Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo no kubumbatira Ubumwe bw'Abanyarwanda

Ishyaka PL, rizakomeza:

- gushyira imbaraga muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu kubaka ubumwe n'ubudaheranwa by'abanyarwanda hagamijwe gukomeza kubaka Igihugu cyacu;
- gushyigikira no gushishikariza abandi gahunda yo "Kwibuka" jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda;
- guharanira ko ibihugu n'imiryango mpuzamahanga byihutisha gushyiraho amategeko ahana icyaha cya jenoside, ingengabitekerezo yayo, ihakana n'ipfobya byayo;
- guharanira ko hakomeza gufatwa ingamba zo guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside, ihakana n'ipfobya ryayo binyuze mu mubano u Rwanda rufitanye n'ibyo bihugu ndetse n'imiryango mpuzamahanga;
- guharanira ko mu miryango mpuzamahanga u Rwanda rurimo habaho ibimenyetso bya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 mu Rwanda;
- guharanira ko inzibutso za jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zibungabungwa kandi hubakwe izindi aho zitari mu mahanga.

### 1.6. Ububanyi n'amahanga

Ishyaka PL, rizakomeza:

- gushimangira ko imibanire n'ibindi bihugu bishingira ku bwumvikane, ubwubahane, no ku nyungu za buri gihugu;
- gushimangira ko imibanire n'ibindi bihugu bikorwa mu buryo bwuzuzanya kandi bigira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda n'iry'umuturage by'umwihariko ;
- gushimangira ko u Rwanda rukomeza kwagura amarembo, hashingiye ku cyerekezo rwihaye;
- guharanira ko abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora) bakomeza gushishikarizwa kurushaho kugira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda;
- gufatanya n'izindi nzego mu kubaka ubunyafurika buhamye kandi mu buryo burambye binyuze mu miryango u Rwanda ruhuriyemo n'ibindi bihugu by'Afurika.

### 1.7. Umutekano n'ubusugire bw'Igihugu

Ishyaka PL, rizakomeza:

- gushimangira ko umutekano n'ubusugire by'Igihugu cyacu ari ntavogerwa kandi buri munyarwanda agira uruhare binyuze muri gahunda zinyuranye zemejwe n'inzego zibifitiye ububasha;
- guharanira ko umutekano w'abantu n'ibintu byabo ukomeza kubungabungwa, umuturage abigizemo uruhare;
- guharanira ko u Rwanda rukomeza kugira ubufatanye n'ibindi bihugu; haba hirya no hino ku isi cyane cyane muri Afurika mu kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu byabo .

## II. UBUKUNGU

### 2.1. Ubukungu muri rusange

Nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, imyaka 30 irashize. Ubukungu bw'u Rwanda buteye imbere ku buryo bugaragara kandi mu byiciro byose. Mu rwego rwo gusigasira ibyagezweho no gukomeza kubaka ubukungu burambye, Ishyaka PL rizakomeza:

- kwibutsa abanyarwanda ko aribo nkingi y'ubukungu bw'Igihugu cyacu;
- gukangurira abanyarwanda baba mu mahanga kugira uruhare rutaziguye mu iterambere ry'Igihugu;
- guharanira ko ikinyuranyo hagati y'ibicuruzwa byoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga kigabanuka;
- gukangurira abanyarwanda kongera agaciro k'ibyoherezwa hanze no gushyigikira gahunda y'ibikorerwa imbere mu gihugu (Made in Rwanda) bikongererwa ubwiza , ubuziranenge n'ubwinshi kugira ngo bibashe guhiganwa ku masoko mpuzamahanga;
- gukangurira abanyarwanda bakora ibikorwa by'ubukorikori, imyuga itandukanye, ubuhinzi n'ubworozi gukorera mu makoperative, bakoroherezwa gukorana n'ibigo by'imari hagamijwe kubongerera ubushobozi bwo gushora imari haherewe mu cyaro n'abakora imirimo ihuriye ku musaruro (Eco-clusters);
- guharanira ko hashyirwaho uburyo bunoze bwo gukusanya imisoro no korohereza abasora .

Mu rwego rwo gukomeza kuzamura ubukungu bw'u Rwanda, Ishyaka PL ryiyemeje gukomeza:

- guteza imbere politiki na gahunda z'iterambere zigamije gushyigikira ibikorwa byunguka;
- gushishikariza abaturarwanda guhanga imirimo, guhanga udushya, bituma bamenyekanisha ibikorwa byabo , bityo bikabaha amahirwe yo kubasha gukorana n'ibigo by'imari;
- gushishikariza urubyiruko kwiga no kwihugura mu bumenyingiro, bityo rugashobora kurushaho kwihangira imirimo;
- guharanira ko urubyiruko rusoza amashuri y'imyuga ruhabwa ibikoresho by'ibanze birufasha guhanga imirimo;
- gushishikariza urubyiruko guhanga imirimo harimo inganda nto (small family unit) zidasaba igishoro kinini n'ikoranabuhanga rihambaye, izo nganda nto zikigwaho neza kandi zigatezwa imbere;

- guharanira ko ubucuruzi bwambukiranya imipaka n'ibindi bihugu byo mu karere burushaho gufasha abatuye akarere gukorera mu bihugu bifuza;
- guharanira ko ubukerarugendo bushingiye ku ishoramari burushaho gutera imbere.

### 2.2. Urahare rwa Diaspora mu Ishoramari

U Rwanda rumaze kugira umubare munini w'abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora) kandi mu bihugu bitandukanye. Ishyaka PL, rizafatanya n'inzego za Leta mu kuzamura ibikorwa by'abanyarwanda baba mu mahanga no kugira uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda. By'umwihariko, PL irashishikariza abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora):

- gutanga umusanzu wabo mu iterambere ry'u Rwanda, hifashishijwe ikoranabuhanga riteye imbere ku mirimo na serivisi bifitiye abanyarwanda akamaro;
- gukora ubucuruzi bw'ibikomoka mu Rwanda bikamenyekana ku rwego rw'isi;
- gufatanya n'urubyiruko ruri mu gihugu gushyira imbaraga mu guhanga imirimo hibandwa cyane mu gucuruza serivisi n'ikoranabuhanga ry'ikinyejana ($21^{st}$ centry technology);
- gushyiraho gahunda ifasha buri munyarwanda uri mu mahanga kugira uburyo bwo kwizigamira mu buryo buhoraho kandi bitagize uwo bibangamira mu nshingano afite aho ahereyeye.

### 2.3. Guteza imbere inganda

Hashingiwe ku igenamigambi rya PL, ku ngamba zihamye z'icyinyagihumbi (SDGs), icyerecyezo 2050 n' icyerecyezo cy'Afurika 2063, PL, izafatanya n'inzego zitandukanye mu gihugu kunoza politiki y'ishoramari, hashyirwaho inganda zihuje n'igihe n'ibikoresho by'ibanze biboneka mu gihugu hagamijwe kwegera amasoko mpuzamahanga no kuzamura imibereho y'abanyarwanda. Ku bw'ibyo:

#### *2.3.1. Imyuga n'ubukorikori*

Mu rwego rw'imyuga n'ubukorikori, PL izaharanira ko:

- hanozwa gahunda yo guhuza imikorere y'ibigo by'imyuga n'ubukorikori hagamijwe gukora ibikenewe ku isoko byabasha guhangana n'ibituruka mu mahanga inozwa;

- uburyo bwo gutangira ubucuruzi buciriritse nta nkomyi bworoshywa;
- abacuruzi ndetse n'abaguzi bashyiraho amakoperative n'ingaga zibafasha kurengera inyungu zabo no kwiteza imbere bikozwe mu bwisanzure ndetse no gukurikirana uko imitungo icunzwe ku bufatanye n'inzego za Leta;
- uburyo bwo korohereza ishoramari mu gihugu cyacu bukomeza, hagamijwe gushinga inganda nini zishobora guhuza ibyakorewe mu nganda nto n'iziciriritse mu rwego rwo kubyongerera agaciro no guha abantu benshi akazi;
- inganda zikoresha ubushobozi zifite ku gipimo kiri hejuru ya 85%; bityo byongere umusaruro n'amahirwe y'akazi;
- ingano y'ibicuruzwa byoherezwa hanze y'Igihugu byiyongera, bishingiye kuri politiki y'ibyo dutumiza n'ibyo twohereza mu mahanga.

### 2.3.2. Ubuhinzi n'ubworozi

Hashingiwe kuri politiki igenga ubuhinzi n'ubworozi bugamije kongera umusaruro no kuwugeza ku masoko, yaba ayo mu gihugu cyangwa mu mahanga, kugira ngo Igihugu gishobore kugera kuri gahunda y' iterambere ry'ubukungu; ni ngombwa ko ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bishingira ku kuzamura ubushobozi bw'umunyarwanda mu mibereho myiza hagendewe ku byo ashobora kugeza ku isoko rusange ry'Afurika ndetse n'isoko mpuzamahanga, Ishyaka PL:

Mu rwego rw'ubuhinzi, rizakomeza guharanira ko:

- ubuhinzi bukoreshejwe ikoranabuhanga burushaho kuba ishingiro ry'amajyambere kandi bugateza imbere ababukora; ndetse n'abahinzi bagakomeza kwegerwa;
- gahunda yo guhuza ibikorwa by'ubuhinzi hitawe ku miterere y'uturere tw'Igihugu irushaho kwitabwaho, hanozwa ibyanya byagenewe ubuhinzi mu rwego rwo kubona umusaruro uhagije ukomoka ku buhinzi ubasha guhangana ku masoko mpuzamahanga n'ayo mu karere;
- amashuri y'imyuga (TVET) yigisha ubuhinzi ahabwa imbaraga kandi akaba bandebereho (Models) mu duce aherereyemo;
- habaho ubuhinzi bubungabunga ibidukikije hibandwa ku gukora no gukoresha ifumbire y'imborera ndetse n'uburyo bukomatanije bwo kurwanya indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa;
- abahinzi bafashwa mu kuhira imyaka mu buryo bw'ikoranabuhanga, cyane cyane mu gihe cy'izuba kuko byagaragaye ko umusaruro muri icyo gihe ugabanuka;

- ❖ abahinzi bitabira gahunda y'ubwishingizi bw'ibihingwa kandi hakongerwa umubare w'ibihingwa biri mu bwishingizi.

- ❖ habaho igisubizo kirambye ku kibazo cy'indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa kuko bigabanya umusaruro cyane;
- ❖ abahinzi bakora ishoramari mu buhinzi bukorewe ku butaka buto, babufata neza kandi bakoresha neza amazi haba ku misozi ndetse no mu bishanga;
- ❖ hitabwa k' uburyo bwo kuhira imyaka hifashishijwe amazi ava ku mazu, mu rwego rwo gufata no gukoresha neza amazi kandi abahinzi bagahinga mu bihe byose, haba mu mujyi cyangwa mu cyaro;
- ❖ ifumbire mvaruganda ibonekera igihe kandi ku giciro cyoroheye umuhinzi, akanahabwa inguzanyo yishyurwa buhoro buhoro kugira ngo umusaruro wiyongere;
- ❖ hashyirwa ingufu mu kuvugurura ubuhinzi binyuze mu bushakashatsi mu rwego rwo kugira ngo hamenyekane ibihingwa n'amoko y'ibihingwa (varieties) bibereye ubutaka runaka ndetse no kumenya ifumbire ikwiye hagamijwe kongera ingano n'ubwiza bw'umusaruro w'ubuhinzi;
- ❖ amakoperative asanzwe y'abahinzi azarushaho kongererwa ubushobozi (capacity building), abayagize batazi gusoma, kwandika no kubara bakabyigishwa, n'imicungire y'umutungo wayo ikarushaho kunoga hagamijwe guteza imbere abayagize.

- ❖ hashyirwaho ingamba zihamye zo kugabanya umusaruro w'ibihingwa wangirika mbere y'uko ugera k'uwukoresha bwa nyuma;
- ❖ hashyirwaho ingamba zihamye zo guhangana n'ihindagurika rikabije ry'ibiciro by'umusaruro w'ubuhinzi.

Mu rwego rw'ubworozi, PL izakomeza guharanira ko:

- ❖ gahunda yo guhuza ibikorwa by'ubworozi ishyirwamo imbaraga hitawe ku miterere y'uturere tw'Igihugu n'ibikorwa by'ubworozi bihakorerwa mu rwego rwo kubona umusaruro uhagije ukomoka ku matungo wahangana ku masoko mpuzamahanga ;
- ❖ amashuri y'imyuga (TVET) yigisha ubworozi ahabwa imbaraga kandi akaba bandebereho (Models) mu duce aherereyemo;
- ❖ aborozi bitabira gahunda y'ubwishingizi bw'amatungo n'umubare w'amatungo ari muri gahunda y'ubwishingizi akongerwa;

- hashyirwa ingufu mu kuvugurura ubworozi binyuze mu bushakashatsi mu rwego rwo kugira ngo hamenyekane ibyororo by'amatungo bitanga umusaruro uri hejuru kandi mu gihe gito, ndetse havugururwe n'imirire hashingwe ku byo amatungo akenera;
- inkingo z'amatungo zibonekera igihe kugira ngo indwara z'ibyorezo mu matungo zikomeze gukumirwa;
- abanyarwanda borora amatungo magufi bafashwa gukora igenamigammbi, hakanashyirwaho ingamba zo kubafasha gushaka amasoko no kubona amahugurwa atandukanye abafasha kuyitaho;
- hakomeza gushyirwa ingufu mu gukomeza guteza imbere ubworozi bw'amafi n'ubw'inzuki hagamijwe kuzamura umusaruro wabyo.

**2.4. Ibikorwa remezo**

Kugira ngo Igihugu gishobore kugera kuri gahunda cyiyemeje yo mu cyerekezo 2050, ni ngombwa ko ibikorwa remezo bifatwa neza kandi bikongerwa.

Ishyaka PL, rizakomeza guharanira ko :

Mu rwego rw'imihanda n'ubwikorezi:

- hakomeza kunozwa uburyo buzatuma umubyigano w'ibinyabiziga ugabanuka mu mijyi y'u Rwanda, cyane cyane mu Mujyi wa Kigali;
- hubakwa imihanda yo mu byaro ikomeye kandi iramba ifasha abahinzi n'aborozi kugeza umusaruro wabo ku isoko mu buryo bworoshye.

Mu rwego rw'imiturire n'imyubakire:

- habaho muri buri karere igishushanyo mbonera cy'indoto cyane cyane mu migi yunganira Kigali. Ibyo bizatuma abantu batongera gutura mu manegeka ashyira ubuzima bw' abaturage mu kaga ndetse no kugira ubutaka buhagije bukoreshwa mu bikorwa bindi bifitiye abaturage akamaro;
- imyubakire ikorwa igendeye ku biteganywa n'igishushanyo mbonera hirindwa imyubakire yo mu kajagari. Ibyo bizatuma habaho igabanuka ry'amafaranga atangwa mu gihe cyo kwimura abantu ahazashyirwa ibikorwa remezo bifitiye Igihugu akamaro.

Mu rwego rw'ingufu n'amazi:

- amazi n’amashanyarazi bihagije bigera ku baturarwanda bose;
- ikiguzi cy’amazi n’amashanyarazi kivugururwa kigahuzwa n’ubushobozi bw’umuturage n’ishoramari ku nganda;
- imishinga y’ingufu nka “Gaz methane” yo mu Kiyaga cya Kivu yagurwa, kugira ngo ingufu z’amashanyarazi zigere ku baturage bose;
- ingufu zituruka ku mirasire y’izuba zitabwaho zikagezwa ku banyarwanda aho bishoboka hose;
- abikorera bashishikarizwa gukomeza gushora imari mu rwego rw’ingufu n’amazi, cyane cyane hibandwa ku ngufu zisubira (renewable energy) ndetse n’izitangiza ibidukikije;
- uburyo buhamye bwo gutunganya imyanda (Waste Management) bunozwa kandi bukihutishwa, ku buryo yabyazwa ingufu zakunganira ingufu zituruka ku mashanyarazi.

## III. IMIBEREHO MYIZA

### 3.1. Ubuzima

Ishyaka PL, rizaharanira ko:

- ibitaro n’ibigo nderabuzima bikomeza kongererwa ubushobozi;
- ubuvuzi bushingiye ku ikoranabuhanga (Telemedicine) bwegerezwa abaturarwanda;

- abaturarwanda  boroherezwa kubona ibijyanye n'isuzumwa rusange ry'ubuzima nibura rimwe mu mwaka hakoreshejwe  ubwisungane mu kwivuza bwa mitiweli cyangwa ubundi bwishingizi bw'indwara buri wese akoresha;
- abaturarwanda bakangurirwa gahunda zo kwirinda impanuka no gukora ubukangurambaga ku bigega by'ubwishizi kugira ngo haboneke ubuvuzi bukwiye ;
- buri munyarwanda  azarushaho gukangurirwa kwitabira  ubwisungane mu kwivuza "mutuelle de santé" ku rugero rwa 100%;
- ingamba zashyizweho zo kugabanya impfu z'abana bapfa bavuka ndetse n'iz'abagore bapfa babyara zirushaho kubahirizwa;
- habaho kujyanisha iterambere ry'Igihugu n'iterambere ry'ubuvuzi, hagamijwe guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku buvuzi, bityo hagashyirwaho ibitaro mpuzamahanga biri ku rwego rujyanye n'icyerekezo cy'Igihugu;
- politiki yo kwirinda ibyorezo muri rusange irushaho  kwitabwaho, hagakomeza gushyirwa ingufu mu kubikumira, gukora inkingo zabyo ndetse n'imiti ibivura, ariko by'umwihariko gukomeza gahunda yo kwirinda SIDA no gukomeza kwita ku babana n'ubwandu ndetse n'abayirwaye;
- abarwayi b'indwara zitandura bakomeza kurushaho koroherezwa kubona serivisi z'ubuvuzi, abaturarwanda bagafashwa kwisuzumisha izo ndwara batarazahara kandi bakabona imiti iborohereza mu gihe baba baranduye;
- gahunda yo kwigisha umuryango (umugabo n'umugore) kuboneza urubyaro inozwa kurushaho;
- gahunda yo kongera ubumenyi bw'Abanyarwanda ku birebana n'ubuzima bw'imyororokere irushaho kunoga;
- gahunda yo kurwanya imirire mibi mu baturarwanda irushaho kongerwamo imbaraga;
- abaturarwanda birinda ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'ibisindisha cyane cyane mu rubyiruko,
- abaturarwanda barushaho kugira isuku birinda umwanda .

### 3.2. Umuryango n'abaturage

Umuryango utekanye niryo pfundo ry'imibereho myiza y'abaturage.  Ishyaka PL rizakomeza guharanira ko:

- umuryango ubayeho neza kandi utekanye uba ipfundo muri gahunda zose zishyirwaho mu mibereho myiza y'abaturage;
- umuryango nyarwanda wirinda ihohoterwa iryo ariryo ryose kandi uzira amakimbirane;

- ❖ hakomeza kubaho umuco utuma ugeze mu zabukuru afashirizwa mu muryango no mu baturanyi be;
- ❖ umwana ahabwa uburere nyabwo burimo indangagaciro na kirazira by'umuco w'u Rwanda;
- ❖ gahunda y'Itorero ry'umudugudu irushaho guhabwa imbaraga kugira ngo ibe urubuga rwiza urubyiruko rwigiramo indangagaciro yo gukunda Igihugu, gukunda umurimo ndetse n'izindi.

**3.3. Uburezi kuri bose**

Uburezi ni ipfundo ry'iterambere ry'umuntu ku giti cye, iry'umuryango ndetse n'iry'umuryango mugari. Uburezi bukozwe neza, buha abantu ubumenyi butuma babasha kureba kure, bakabasha gusingira amahirwe, gusenya inzitizi no guteza impinduka nziza.

**Mu rwego rw'uburezi, Ishyaka PL rizaharanira ko:**

- ❖ umwarimu akomeze kongererwa ubushobozi kurushaho, bityo bimufashe gutanga uburezi bufite ireme;
- ❖ habaho integanyanyigisho n'imfashanyigisho zigendanye n'icyerekezo cy'iterambere ry'Igihugu ndetse n'Afurika muri rusange;
- ❖ ururimi rw'ikinyarwanda rwigishwa mu byiciro byose by' amashuri mu Rwanda ;
- ❖ hubakwa amashuri agana hejuru mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'ubutaka buke, ubucucike mu mashuri kandi agire ibikorwa remezo bihagije bituma abana bakomeza kugira umuco wo guhiganwa bakiri bato;
- ❖ hongerwa ishoramari mu bikorwa by'uburezi bwaba ubushingiye kuri siyansi ndetse n'ubumenyi ngiro bitanga umusaruro ufatika kandi hakabaho isuzuma rihoraho rireba niba koko ibyari byitezwe birimo kugerwaho;
- ❖ gahunda yo kwigisha imyuga (TVET) hakoreshejwe uburyo bwo kwimenyereza umwuga (dual system) ihabwa ingufu kandi abikorera bakabigiramo uruhare.

**3. 4.Umurimo n'Ubwiteganyirize**

Ishyaka PL, rizaharanira ko:

- ❖ politiki yo kwihangira umurimo ikomeza gushyirwamo imbaraga;
- ❖ imitangire y'akazi mu nzego za Leta hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga irushaho kunozwa;
- ❖ abikorera n'abandi barushaho kwitabira uburyo bwo guteganyiriza izabukuru (EjoHeza);

- ❖ amafaranga ahabwa abari mu kiruhuko cy'izabukuru " pension" ajyana n'ibiciro biri ku isoko;

## IV. INGINGO Z'IMPURIRANE (CROSS CUTTING)

### 4.1. Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'umugore n'umugabo mu iterambere ry'umuryango n'Igihugu

Ku birebana n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'Igihugu, Ishyaka PL, rizakomeza:

- ❖ guharanira ko ubushakashatsi bugamije kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'Igihugu no mu muryango bushyirwamo imbaraga kurushaho;

- guharanira ko abagore bagira nibura 30% mu nzego zifata ibyemezo za Leta, iz'abikorera ndetse n' imiryango itari iya Leta;
- guharanira ko abikorera n'imiryango itari iya Leta bifatanya n'inzego za Leta kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bigo byabo;
- gusobanurira Abanyarwanda ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'Igihugu.

Mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Ishyaka PL, rizakomeza:

- kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina iryo ariryo ryose no guharanira ko abahohotewe barushaho kwitabwaho mu buryo bwihuse kandi bakarenganurwa ;
- guharanira ko ibikorwa bigamije ku rwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina bishyirwa mu igenamigambi ry'inzego zose;
- guharanira ko "Inshuti z'umuryango" zihabwa ubushobozi bwo kugoboka uwakorewe ihohoterwa binyuze mu mahugurwa no gufashwa kuzuza inshingano.

**4.2.Itangazamakuru n'Itumanaho**

Ishyaka PL ryemera ko itangazamakuru ari umuyoboro mwiza uhuza abaturage n'ubuyobozi, ukaba urubuga rwo gutangiramo ibitekerezo no guhana amakuru bigamije iterambere ry'Igihugu. Umutwe wa Politiki PL usanga kandi itumanaho ryihutisha iterambere ry'Igihugu muri rusange. Bityo:

PL izaharanira ko :

- hongerwa ubushobozi mu rwego rw'Itangazamakuru ;
- abikorera barushaho gushora imari mu itangazamakuru ;
- hatangwa ibitekerezo bigamije kunoza itangazamakuru no kurifasha gukora kinyamwuga no mu bwisanzure hagamijwe iterambere;
- hifashishwa itangazamakuru nk'umuyoboro ufasha gutanga ibitekerezo byubaka Igihugu.

Mu rwego rw'itumanaho, Ishyaka PL, rizaharanira ko abanyarwanda :

- bagira ubumenyi ku gukoresha ikoranabuhanga mu itumanaho;
- bitabira gutunga no gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo yabo ya buri munsi mu rwego rwo kubyaza umusaruro inyungu zitangwa naryo;
- bakomeza kwitabira ikoreshwa ry' ikoranabuhanga mu bikorwa bibyara inyungu;
- bahugurwa ku bijyanye n'umutekano mu gukoresha ikoranabuhanga.

Byongeye kandi, Ishyaka PL, rizaharanira ko:

- ibikorwaremezo by' ikoranabuhanga byiyongera kandi bikagera hose mu gihugu;
- abikorera bakomeza gushishikarizwa gushora imari mu birebana n'itumanaho;
- ibikorwaremezo by'itumanaho byongerwa kandi bigafasha Abaturarwanda kubona itumanaho rihendutse.

**4.3. Ubushakashatsi n'ikoranabuhanga**

Mu rwego rw'ubushakashatsi n'ikoranabuhanga, Ishyaka PL, rizaharanira ko:

- guhanga udushya mu ikoranabuhanga byiyongera, guhemba ibihangano by'ikoranabunga n'ubushakashatsi mu by'ubuhanga bikongerwamo imbaraga, ishyirwa mu bikorwa ryabyo rikarushaho kunozwa;
- ubushakashatsi ku biribwa bihindurirwa umwimerere hagamijwe kwihaza mu biribwa bwiyongera;
- ibyagezweho mu bushakashatsi bitangarizwa abanyarwanda kandi na gahunda z'ubushakashatsi zikiyongera ndetse bikagira uruhare mu iterambere ry'imibereho y'abaturarwanda;
- ikoranabuhanga mu isakazabumenyi rirushaho kuba igikoresho mu buzima rusange bw'Igihugu.

**4.4. Urubyiruko, Umuco na Siporo**

Mu rwego rw'urubyiruko, Ishyaka PL, rizakomeza guharanira ko:

- urubyiruko rukomeza kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu cyacu;
- gahunda na politiki bishingiye ku byo urubyiruko rwifuza byarufasha gutera imbere birushaho kunozwa;
- inzego z'uburezi zivugururwa zikagira imyigishirize isubiza ibibazo urubyiruko rufite ku isoko ry'umurimo (results based and oriented);
- hakomeza gushyirwaho gahunda zirambye zitegura urubyiruko kujya mu nzego zifata ibyemezo;
- hubakwa gahunda zihuza abantu b'inararibonye n'urubyiruko kugira ngo babasangize ubumenyi bwabo muri politiki;
- gushyira kuri gahunda y'amasomo inyigisho zirebana n'ubuzima bw'imyororokere mu mashuri;
- habaho ibibuga by'imikino muri buri Kagari ndetse no ku bigo by'amashuri kugira ngo urubyiruko rugire umuco wo guhiganwa hakiri kare bityo bibafashe kwirinda kurangarira mu bindi bibangiriza ubuzima.

Mu rwego rw'umuco, Ishyaka PL, rizakomeza guharanira:

- guteza imbere umuco nyarwanda no kuwumenyekanisha mu gihugu ndetse no mu mahanga;
- kwimakaza kurushaho indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda byimakanzwa cyane cyane mu rubyiruko;
- gukora ubushakashatsi mu bijyanye n'umuco w'u Rwanda;
- guteza imbere imishinga yerekeye ururimi, umuco n'umurage;
- kongera imbaraga mu bikorwa by'ubukangurambaga ku kuvuga neza Ikinyarwanda no ku gukwirakwiza indangagaciro z'umuco w'u Rwanda binyuze mu miyoboro itandukanye y'itumanaho;
- hashyirwaho ingamba zo guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda ngenderwaho;
- ko umurage ndangamuco urushaho kubungwabungwa.

Mu rwego rwa siporo, Ishyaka PL, rizakomeza guharanira ko:

- hashyirwaho ibikorwa remezo bihagije mu rwego rw'utugari bifasha mu myidagaduro ndetse na siporo;
- hongerwa imbaraga mu ihiganwa muri siporo mu byiciro byose by'amashuri;
- hashyirwaho ishuri rikuru riri ku rwego rwa kaminuza ryigisha siporo.

### 4.5. Kurengera ibidukikije n'Ubukerarugendo

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije, Ishyaka PL, rizakomeza guharanira ko:

- urusobe rw'ibinyabuzima no kwita ku mihindagurikire y'ikirere birushaho kurengera;
- Umuturarwanda arushaho kugira uburenganzira bwo kuba ahantu hadafite ingaruka mbi ku buzima bwe kandi hashimishije;
- igikorwa cyose cyangiza ibidukikije gihanwa hakurikijwe amategeko;
- Abaturarwanda barushaho kwigishwa kubungabunga ibidukikije hirindwa ikintu cyose cyahumanya ikirere ndetse n'amazi;
- politiki yo gutera ibiti no gushishikariza abaturarwanda kwirinda kubitema binyuranyije n'ibyo amategeko ateganya birushaho gushyirwamo imbaraga;
- Abaturarwanda barushaho gushishikarizwa no koroherezwa gukoresha Gaz, Biogaz n'izindi ngufu zitangiza ibidukikije;
- ingamba zo kurwanya ibiza zirushaho kunozwa;
- hongerwa imbaraga mu rwego rw'iteganyagihe no kumenyekanisha ibibazo mbere y'uko biba;
- ubuhinzi butangiza ikirere bugezwa mu gihugu hose kandi bukabyazwa umusaruro uzamura ubukungu bw'Igihugu;

- politiki yo kwegurira ba rwiyemezamirimo ibirombe bicukurwamo amabuye y'agaciro irushaho kunozwa, n'amategeko abigenga akanozwa kurushaho kugira ngo hirindwe iyangizwa ry'ibidukikije.

Mu rwego rw'ubukerarugendo, Ishyaka PL, rizakomeza:

- guharanira ko hagurwa ahantu nyaburanga hakorerwa ubukerarugendo mu gihugu harushaho kwagurwa;
- gukangurira abaturarwanda b'ingeri zose bafite aho bahurira na ba mukerarugendo, kubaha serivisi zinoze no kubakundisha Igihugu cyacu kandi banahabwe amahugurwa abafasha kurangiza inshingano zabo neza;
- gahunda y'ubukerarugendo bw'imbere mu gihugu irushaho gutezwa imbere, kandi ubukerarugendo bukigishwa mu mashuri;
- guharanira ko amashuri y'ubukerarugendo arushaho gutezwa imbere.

**UMWANZURO**

Muri iyi nshamake ya Gahunda ya Politiki, hagaragajwemo ibyo Ishyaka PL riteganya kugeza ku banyarwanda muri iyi myaka itanu iri imbere (2024-2029), rikaba risaba abanyarwanda kuriha amahirwe barihundagazaho amajwi kugira ngo rizashobore gushyira iyi gahunda mu bikorwa.

Ishyaka PL, rirashimira abanyarwanda ku cyizere bakomeje kurigirira kandi rikaba ribizeza ko ritazabatenguha.

Gutora PL, ni ugutora Ukwishyira ukizana kwa buri muntu, Ubutabera n'Amajyambere.